Caritas
RWANDA

# CARITAS CONTACT
# IHURIRO RYA CARITAS



## Akanyamakuru ka
## Caritas Rwanda - 2024

Nyarugenge, Immeuble Librairie Caritas
KN 76 St 3
P.O Box: 124 Kigali - Rwanda

(+250) 252 574 295
(+250) 252 574 344

info@caritasrwanda.org
www.caritasrwanda.org

@CaritasRwanda
Caritas Rwanda
Caritas Rwanda

# Ishakiro

Ijambo ry'Ubwanditsi ........ 4
Inteko Rusange ya Caritas Rwanda ya 2024 ........ 5
Umusaruro w'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe wa 2024 ........ 8
Ihuriro ry'abafatanyabikorwa ba Caritas Rwanda ........ 11
Caritas Rwanda muri Yubile y'impurirane ........ 13
Ubukangurambaga bwo kumenyekanisha ubutumwa bwa Caritas muri Kaminuza na Seminari Nkuru ........ 14
Caritas Rwanda yibutse abakozi bayo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ........ 15
Imikoranire hagati ya Caritas Rwanda na Caritas za Diyosezi mu Ishami ryita ku Batishoboye n'Ubutabazi ........ 16
Abafatanyabikorwa ba Caritas Rwanda mu igenamigambi ryayo ........ 17
Caritas ya Diyosezi ya Kabgayi mu iterambere ry'umuryango ridaheza ........ 19
Abakuriye ishami ry'amajyambere muri Caritas za Diyosezi na Caritas Rwanda mu rugendo rwo gusangira ubumenyi ........ 21
Caritas ya Ruhengeri mu iterambere ry'umugore ........ 23
Muri gahunda bita 'Urugendo rw'Icyizere', abashyitsi ba CRS basuye ibikorwa bya Caritas Rwanda ........ 24
Inama y'ihuzabikorwa rya serivisi z'ubuzima za Kiliziya Gatolika mu Rwanda ........ 25
Caritas Rwanda mu bukangurambaga kuri Malariya ku bufatanye n'ikigo cy'igihugu cy'ubuzima ........ 27
Ubufatanye bwa RDB na Caritas Cyangugu mu gutuza neza abaturiye Pariki ya Nyungwe ........ 28
Muri Caritas Byumba urubyiruko rwishimira serivisi ruhabwa mu mushinga Y4Y ........ 29
Caritas Rwanda yatangije umushinga ugamije kuzahura imibereho y'impunzi z'Abanyasudani ........ 31
Uruhare rwa Caritas Ruhengeri mu kurwanya igwingira ........ 33
Umushinga Tubeho Neza Aheza watangijwe ku mugaragaro ........ 34
Umushinga LCC wa Caritas Byumba mu gufasha abana kumenya Ijambo ry'Imana ........ 36
Uruhare rw'amatsinda mu iterambere: Ubuhamya ........ 37

# Ijambo ry'Ubwanditsi

***Nshuti Basomyi,***

Caritas Contact ya 2024 murayisangamo amakuru y'ingenzi anyuranye arebana n'ibikorwa byakozwe ku rwego rwa Caritas za Diyosezi, ku rwego rwa Caritas Rwanda ndetse n'ibikorwa zihuriyeho. Kimwe muri ibyo bikorwa ni inama y'Inteko Rusange ya Caritas Rwanda yateranye kuva tariki ya 11 kugeza kuri 12 Werurwe 2024.

Muri iyi Caritas Contact, murasangamo amakuru arambuye yerekana umusaruro w'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe wa 2024 muri buri diyosezi na za paruwasi.

Mu mwaka wa 2024, ni bwo Caritas Rwanda yasoje gahunda y'ibikorwa byayo y'imyaka 5 (2020-2024), iyi Caritas Contact ikaba ibagezaho amakuru ku byagezweho muri iyo myaka.

Murasangamo kandi inkuru ivuga ku gikorwa cy'ihuriro ry'abafatanyabikorwa ba Caritas Rwanda cyabaye ku wa 27 Ugushyingo 2024. Muri iri huriro Caritas Rwanda yamuritse ibikorwa byayo, aho abagenerwabikorwa bagaragaje imishinga ibabyarira inyungu batewemo inkunga na Caritas Rwanda. Uyu wabaye n'umwanya wo gushimira abafatanyabikorwa bose, kubera ibikorwa bakora kugira ngo ubutumwa bwa Caritas Rwanda bwo kwita ku batishoboye bugerweho.

Mu rwego rwo kwizihiza Yubile y'impurirane y'imyaka 2025 y'ugucungurwa kwa bene muntu na Yubile y'imyaka 125 Inkuru nziza imaze igeze mu Rwanda, kuva kuri 21 kugeza kuri 25 Kanama 2024, muri Diyosezi ya Ruhengeri habaye Ihuriro ry'urubyiruko ryitabiriwe n'urubyiruko rusaga 5000 rwo mu Rwanda n'ibihugu birukikije. Muri iyi Caritas Contact murasangamo amakuru avuga kuri iri huriro.

Aka kanyamakuru kandi karimo amakuru arebana n'ibikorwa by'amashami ane ya Caritas (Ubuyobozi n'Imari, Kwita ku Batishoboye n'Ubutabazi, Ubuzima n'Amajyambere) haba ku rwego rwa Caritas za diyosezi no ku rwego rwa Caritas Rwanda.

*Ubwanditsi*

# Inteko Rusange ya Caritas Rwanda ya 2024




*Ifoto y'urwibutso / Inteko Rusange ya Caritas Rwanda - 11 Werurwe 2024.*

Kuva tariki 11 kugeza kuri 12 Werurwe 2024, Inteko Rusange ya Caritas Rwanda yateraniye kuri Hôtel Cenetra i Kabuga, ikaba yarigaga ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inteko Rusange ya 2023, kugaragaza raporo y'ibikorwa byo mu 2023 n'iteganyabikorwa ryo mu 2024.

Ubwo yafunguraga iyi Nteko Rusange ku mugaragaro, Perezida wa Caritas Rwanda Myr Anaclet Mwumvaneza yashimye Caritas zose zijihije umunsi mpuzamahanga w'umukene (wabaye tariki 19 Ugushyingo 2023) mu busabane no gusangira n'abakene mu bitaro, mu mavuriro, muri za paruwasi, kimwe no mu miryango remezo. Myr Anaclet Mwumvaneza yanagarutse ku butumwa bwa Papa Fransisiko bujyanye n'uyu munsi bwibutsa ko abakene atari imibare, ahubwo ko ari abantu bifuza cyane cyane ko abandi bababa hafi ngo babagaragarize ubumuntu.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye Inteko Rusange ya Caritas Rwanda, intumwa ya Papa mu Rwanda Myr Arnaldo Catalan yagize ati : *"Caritas, irihariye, ifite itandukaniro n'indi miryango cyangwa ibigo byo ku isi. Ndabashimira ubwitange bwanyu kandi*




*Myr Arnaldo Catalan, Intumwa ya Papa mu Rwanda, ubwo yagezaga ijambo ku bitabiriye Inteko Rusange ya Caritas Rwanda ya 2024.*

*Imana ihe umugisha ibyo muzakora muri 2024. Ni ngombwa ko muhora musubira ku isoko y'ubutumwa mwahawe, ari rwo rukundo Imana idukunda n'umuhamagaro wo gukunda abandi. Inkomoko ya Caritas ishingiye ku butumwa yahawe muri uru rukundo rw'Imana n'urukundo rwa Kiliziya ku bantu bose".*

Raporo y'ibikorwa byo muri 2023 yatanzwe binyuze mu mashami 4 ya Caritas ari yo : Imiyoborere n'Imari, Kwita ku Batishoboye n'Ubutabazi, Ubuzima, n'Amajyambere. Muri rusange, ibikorwa byari biteganijwe gukorwa muri 2023 byagezweho ku kigereranyo kiri hejuru ya 90%.

Inteko Rusange ya Caritas Rwanda ya 2024 yongeye gushishikariza abakiristu n'abandi bantu b'umutima mwiza kurushaho kwitabira ibikorwa byo gufasha abatishoboye mu kwezi k'Urukundo n'Impuhwe (ukwezi kwa 8 kwa buri mwaka) ndetse no kuyigeza aho igenewe. Mu mwaka wa 2023, Caritas ya Diyosezi ya Ruhengeri yaje ku isonga mu gutanga raporo ku gihe no gukusanya inkunga itubutse mu kwezi k'urukundo n'impuhwe (25.198.908 Frw).



*Abashumba ba Diyosezi Gatolika mu Rwanda, bari kumwe n'abayobozi ba Caritas za Diyosezi na Caritas Rwanda, ubwo bari basoje igitambo cya Misa.*

Gahunda yo guteganya imbyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere (PFN) nayo iri mu byaganiriweho muri iyi Nteko Rusange ya Caritas Rwanda ya 2024. Nk'uko byagaragajwe muri raporo y'ibikorwa birebana n'ubuzima bya 2023, imiryango 37.237 yahawe serivisi ya PFN, hakaba harimo imiryango 6.544 mishya yayihawe muri uyu mwaka. Inteko Rusange yavuze ko abakoresha ubu buryo batarahabwa amakarita yerekana ko ari bwo bakoresha bayahabwa, ku buryo n'iyo bajya ahandi kwa muganga bakabazwa uburyo bakoresha bayerekana.

Muri iyi Nteko Rusange ya Caritas Rwanda ya 2024 hafatiwemo imyanzuro inyuranye, irimo irebana n'imikoranire hagati ya Caritas n'inzego zinyuranye za Kiliziya, kongera imbaraga mu bikorwa bisanzweho, gushakisha ingamba zo kongera umutungo bwite wa Caritas kugira ngo ishobore kwigira idategereje inkunga z'amahanga, kwizihiza Umunsi wa Caritas n'Umunsi w'umukene ku nzego zose, gushyira imbaraga mu gukangurira abantu kwitabira ibikorwa by'iterambere hibandwa cyane cyane ku rubyiruko, n'ibindi.

# Umusaruro w'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe wa 2024

Mu mwaka wa 2024, umusaruro w'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe wabonetse ungana na Frw 165.129.676. Imbonerahamwe ikurikira, iragaragaza uko umusaruro wabonetse muri 2024, 2023 na 2022.

| 2024 | | | 2023 | | | 2022 | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| N° | Caritas ya Diyosezi | Inkunga yakusanyijwe (Frw) | N° | Caritas ya Diyosezi | Inkunga yakusanyijwe (Frw) | N° | Caritas ya Diyosezi | Inkunga yakusanyijwe (Frw) |
| 1. | Ruhengeri | 35.197.623 | 1. | Ruhengeri | 25.198.908 | 1. | Kigali | 23.068.185 |
| 2. | Cyangugu | 21.313.555 | 2. | Kigali | 21.265.925 | 2. | Gikongoro | 19.838.158 |
| 3. | Kigali | 21.282.851 | 3. | Nyundo-Gisenyi | 17.393.120 | 3. | Ruhengeri | 15.699.972 |
| 4. | Nyundo-Gisenyi | 20.496.847 | 4. | Kibungo | 16.989.261 | 4. | Kibungo | 15.298.396 |
| 5. | Gikongoro | 16.801.310 | 5. | Cyangugu | 15.365.901 | 5. | Nyundo-Gisenyi | 12.081.580 |
| 6. | Kabgayi | 16.608.098 | 6. | Gikongoro | 13.660.140 | 6. | Nyundo-Kibuye | 11.692.886 |
| 7. | Nyundo-Kibuye | 12.649.550 | 7. | Byumba | 13.189.735 | 7. | Cyangugu | 10.348.480 |
| 8. | Kibungo | 11.121.587 | 8. | Nyundo-Kibuye | 10.973.607 | 8. | Kabgayi | 9.145.166 |
| 9. | Byumba | 6.006.180 | 9. | Kabgayi | 5.501.165 | 9. | Butare | 6.292.800 |
| 10. | Butare | 3.057.075 | 10. | Butare | 3.878.360 | 10. | Byumba | 5.448.220 |
| Ahandi haturutse inkunga | | | Ahandi haturutse inkunga | | | Ahandi haturutse inkunga | | |
| 11. | Abakozi ba Caritas Rwanda | 595.000 | 11. | Abakozi ba Caritas Rwanda | 278.000 | 11. | Abakozi ba Caritas Rwanda | 192.000 |
| **TOTAL** | | **165.129.676** | **TOTAL** | | **143.407.212** | **TOTAL** | | **129.105.843** |

*Umusaruro w'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe wa 2024 muri buri diyosezi na paruwasi zayo*

### CARITAS GIKONGORO

| N° | Paruwasi | Inkunga yabonetse | N° | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Ruheru | 1.334.060 | 11. | Nyabimata | 800.200 |
| 2. | Muganza | 1.308.820 | 12. | Bishyiga | 725.035 |
| 3. | Mbuga | 1.216.160 | 13. | Kaduha | 719.800 |
| 4. | Kitabi | 1.211.855 | 14. | Masagara | 605.340 |
| 5. | Kibeho | 1.191.750 | 15. | Gatare | 533.333 |
| 6. | Busanze | 1.182.500 | 16. | Ruramba | 460.850 |
| 7. | Mushubi | 1.100.000 | 17. | Kibumbwe | 185.680 |
| 8. | Kirambi | 1.015.630 | 18. | Kizimyamuriro | 100.000 |
| 9. | Cyanika | 983.060 | 19. | Nyarunyinya | 46.793 |
| 10. | Gikongoro | 925.900 | | | |
| **TOTAL** | | | | | **16.801.310** |

### CARITAS NYUNDO-KIBUYE

| N° | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Murunda | 2,732,515 |
| 2. | Nyange | 1,852,220 |
| 3. | Gisovu | 1,375,780 |
| 4. | Mubuga | 1,275,830 |
| 5. | Birambo | 1,107,720 |
| 6. | Mushubati | 883,420 |
| 7. | Crête Congo Nil | 827,855 |
| 8. | Gakeri | 745,600 |
| 9. | Kibuye | 745,575 |
| 10. | Mukungu | 634,480 |
| 11. | Kibingo | 468,555 |
| **TOTAL** | | **12.649.550** |

## CARITAS KABGAYI

| N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Gihara | 2.498.433 |
| 2. | Kabgayi | 2.118.205 |
| 3. | Kayenzi | 1.206.681 |
| 4. | Gitarama | 1.062.133 |
| 5. | Kanyanza | 961.333 |
| 6. | Ngamba | 955.501 |
| 7. | Muyunzwe | 840.373 |
| 8. | Kivumu | 673.853 |
| 9. | Gitare | 553.068 |
| 10. | Kinazi | 536.507 |
| 11. | Ruhango | 432.388 |
| 12. | Nyabinoni | 424.467 |
| 13. | Mushishiro | 417.308 |
| 14. | Nyarusange | 413.280 |
| 15. | Kamonyi | 355.480 |
| 16. | Ntarabana | 327.507 |
| 17. | Kabacuzi | 324.401 |
| 18. | Karambi | 323.500 |
| 19. | Nzuki | 320.001 |
| 20. | Musambira | 301.455 |
| 21. | Kizibere | 289.201 |
| 22. | Cyeza | 200.001 |
| 23. | Kabugondo | 196.328 |
| 24. | Ruyenzi | 186.668 |
| 25. | Byimana | 186.000 |
| 26. | Kigoma | 152.000 |
| 27. | Nyabinyenga | 107.521 |
| 28. | Kabuga | 105.135 |
| 29. | Mugina | 91.768 |
| 30. | Ahandi | 47.601 |
| 31. | Kibangu | - |
| 32. | Gasovu | - |
| | **TOTAL** | **16.608.098** |

## CARITAS BUTARE

| N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Mugombwa | 615.670 |
| 2. | Kirarambogo | 526.000 |
| 3. | Rugango | 257.000 |
| 4. | Magi | 225.600 |
| 5. | Gakoma | 171.000 |
| 6. | Kiruhura | 150.000 |
| 7. | Nyanza | 144.980 |
| 8. | Cathederal Butare | 108.000 |
| 9. | Nyamiyaga | 100.000 |
| 10. | Rango | 70.000 |
| 11. | Karama | 70.000 |
| 12. | St Dominique | 68.800 |
| 13. | Simbi | 67.525 |
| 14. | Kansi | 66.000 |
| 15. | Save | 65.000 |
| 16. | Higiro | 62.500 |
| 17. | Ruyenzi | 62.000 |
| 18. | Gisagara | 60.500 |
| 19. | Kibilizi | 60.000 |
| 20. | Mbazi | 56.500 |
| 21. | Busoro | 50.000 |
| 22. | Ngoma | - |
| 23. | Byiza | - |
| 24. | Nyumba | - |
| 25. | Gakoma | - |
| 26. | Cyahinda | - |
| | **TOTAL** | **3.057.075** |

## CARITAS NYUNDO-GISENYI

| N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Busasamana | 2.116.450 |
| 2. | Nyundo | 1.824.130 |
| 3. | Muramba | 1.529.920 |
| 4. | Gisenyi | 1.525.800 |
| 5. | Rambura | 1.415.100 |
| 6. | Kivumu | 1.388.740 |
| 7. | Biruyi | 1.384.760 |
| 8. | Muhororo | 1.377.650 |
| 9. | Kinunu | 1.355.550 |
| 10. | Kabaya | 962.370 |
| 11. | Kora | 888.790 |
| 12. | Muhato | 856.680 |
| 13. | Nyabirasi | 843.320 |
| 14. | Rambo | 762.515 |
| 15. | Gatovu | 730.202 |
| 16. | Rususa | 726.870 |
| 17. | Kavumu | 536.000 |
| 18. | Mbugangali | 272.000 |
| | **TOTAL** | **20.496.847** |

## CARITAS BYUMBA

| N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Nyarurema | 1.000.000 |
| 2. | Bungwe | 700.000 |
| 3. | Mimuli | 600.010 |
| 4. | Matimba | 520.000 |
| 5. | Rukomo | 397.150 |
| 6. | Ngarama | 300.000 |
| 7. | Byumba | 266.410 |
| 8. | Muhura | 250.000 |
| 9. | Mutete | 215.830 |
| 10. | Gihengeri | 201.530 |
| 11. | Mulindi | 131.100 |
| 12. | Rushaki | 109.850 |
| 13. | Kiziguro | 104.300 |
| 14. | Rwamiko | 100.200 |
| 15. | Nyinawimana | 100.000 |
| 16. | Burehe | 63.500 |
| 17. | Nyagatare | 57.100 |
| 18. | Muyanza | - |
| 19. | Gituza | - |
| 20. | Nyagahanga | - |
| 21. | Kinihira | - |
| 22. | Nyakayaga | - |
| 23. | Nyagisozi | - |
| 24. | Kisaro | - |
| 25. | Runyinya | - |
| | **Abandi batanze** | |
| 26. | Staff Caritas | 849.200 |
| 27. | Les Soeurs N.D.B.C. | 40.000 |
| | **TOTAL** | **6.006.180** |

## CARITAS CYANGUGU

| N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Nyamasheke | 2.147.080 |
| 2. | Shangi | 1.428.470 |
| 3. | Nkanka | 1.421.250 |
| 4. | Mwezi | 1.400.400 |
| 5. | Mushaka | 1.207.400 |
| 6. | Nyabitimbo | 1.139.610 |
| 7. | Cyangugu | 1.009.230 |
| 8. | Muyange | 600.000 |
| 9. | Nyakabuye | 587.250 |
| 10. | Rasano | 578.880 |
| 11. | Mugomba | 572.700 |
| 12. | Hanika | 500.350 |
| 13. | Mashyuza | 493.600 |
| 14. | Ntendezi | 492.600 |
| 15. | Bukunzi | 468.910 |
| 16. | Yove | 451.270 |
| 17. | Giheke | 450.000 |
| 18. | Mibirizi | 415.980 |
| 19. | Runyanzovu | 400.280 |
| 20. | Tyazo | 329.800 |
| 21. | Nkombo | 100.950 |
| | **Abandi batanze** | |
| 22. | Amashuri | 4.172.945 |
| 23. | FOSA | 733.100 |
| 24. | Abihayimana | 160.000 |
| 25. | Ibindi bigo | 51.500 |
| **TOTAL** | | **21.313.555** |

## CARITAS RUHENGERI

| N⁰ | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|
| 1. | Ruhengeri | 5.811.471 |
| 2. | Butete | 5.423.680 |
| 3. | Runaba | 4.351.667 |
| 4. | Bumara | 3.062.400 |
| 5. | Busogo | 2.800.000 |
| 6. | Rwaza | 2.597.600 |
| 7. | Nemba | 1.932.291 |
| 8. | Kampanga | 1.638.500 |
| 9. | Mwange | 1.500.000 |
| 10. | Janja | 1.356.000 |
| 11. | Gahunga | 1.174.147 |
| 12. | Murama | 1.024.500 |
| 13. | Nyakinama | 904.400 |
| 14. | Kanaba | 612.667 |
| 15. | Busengo | 600.000 |
| 16. | Kinoni | 408.300 |
| **TOTAL** | | **35.197.623** |

### CARITAS KIGALI

| Nº | Paruwasi | Inkunga yabonetse | | Nº | Paruwasi | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Kacyiru | 1.753.470 | | 22. | Shyorongi | 266.700 |
| 2. | Nyamirambo | 1.525.560 | | 23. | Kanombe | 250.000 |
| 3. | Kabuye | 1.440.000 | | 24. | Karenge | 221.000 |
| 4. | Nyamata | 1.340.860 | | 25. | Rilima | 220.050 |
| 5. | Kicukiro | 1.337.650 | | 26. | Ruhuha | 212.280 |
| 6. | Kabuga | 1.198.650 | | 27. | Ruli | 210.000 |
| 7. | St michel | 1.163.400 | | 28. | Nkanga | 172.700 |
| 8. | Gikondo | 1.050.000 | | 29. | Kigarama | 154.000 |
| 9. | Sainte Famille | 1.026.000 | | 30. | Mbogo | 149.550 |
| 10. | Regina Pacis | 834.761 | | 31. | Munyana | 142.920 |
| 11. | Kimihurura | 821.100 | | 32. | Butamwa | 140.700 |
| 12. | St pierre | 810.350 | | 33. | Rusasa | 135.500 |
| 13. | Rushubi | 586.610 | | 34. | Mayange | 130.000 |
| 14. | Rulindo | 541.280 | | 35. | Kamabuye | 108.600 |
| 15. | Gahanga | 521.340 | | 36. | Gihogwe | 100.000 |
| 16. | Masaka | 485.080 | | 37. | Rwankuba | 75.850 |
| 17. | Musha | 366.525 | | 38. | Munanira | 60.635 |
| 18. | Ndera | 363.500 | | 39. | Mugote | 52.000 |
| 19. | Gishaka | 306.750 | | 40. | Rutonde | 47.750 |
| 20. | Muhondo | 300.000 | | 41. | Rutongo | 35.000 |
| 21. | Karama | 294.400 | | 42. | Gitabage | 30.330 |
| **Ahandi** | | | | | | |
| | | | | | **Ahandi** | **300.000** |
| **TOTAL** | | | **21.282.851** | | | |

### CARITAS KIBUNGO

| Nº | Paruwasi | Inkunga yabonetse | | Nº | Paruwasi / Ishuri | Inkunga yabonetse |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Musaza | 1.946.290 | | 12. | Munyaga | 325.800 |
| 2. | Kibungo | 1.245.380 | | 13. | Rusumo | 316.360 |
| 3. | Rwamagana | 1.007.330 | | 14. | Kansana | 276.800 |
| 4. | Gahara | 851.950 | | 15. | Gashiru | 240.000 |
| 5. | Zaza | 558.820 | | 16. | Nyakabungo | 226.135 |
| 6. | Gishanda | 507.500 | | 17. | Bare | 217.970 |
| 7. | Rukara | 478.450 | | 18. | Remera | 202.600 |
| 8. | Kabarondo | 468.020 | | 19. | Mukarange | 176.270 |
| 9. | Rukoma | 445.820 | | 20. | Kiyanzi | 133.062 |
| 10. | Kirehe | 420.800 | | 21. | Nyarubuye | 106.400 |
| 11. | Rukira | 414.000 | | 22. | Ruhunda | 40.330 |
| **Amashuri** | | | | | | |
| 23. | GS Adelaide | 179.500 | | 26. | GS Kirehe | 52.500 |
| 24. | GS bugambira | 102.000 | | 27. | Campus Rukara | 50.000 |
| 25. | GS Nyarusange | 101.500 | | 28. | Utunyange | 30.000 |
| **TOTAL** | | | **11.121.587** | | | |

# Ihuriro ry'abafatanyabikorwa ba Caritas Rwanda




*Abayobozi ba Caritas Rwanda na bamwe mu bafatanyabikorwa bitabiriye iri huriro.*

Ku wa 27 Ugushyingo 2024, muri Hôtel Sainte Famille i Kigali, Caritas Rwanda yahuje abafatanyabikorwa bayo mu birebana n'imibereho myiza y'abaturage, ubuzima n'iterambere, igamije kubamurikira ibyagezweho muri gahunda y'ibikorwa byayo bya 2020-2024 n'icyerekezo cya gahunda nshya ya 2025-2030.

Iri huriro ry'abafatanyabikorwa kandi ryabaye umwanya wo gushimira ubufatanye bw'abafatanyabikorwa basanzweho ndetse n'abo mu gihe kizaza.

Muri iri huriro, abafatanyabikorwa bagize umwanya wo kuganira n'abagenerwabikorwa b'imishinga na gahunda bya Caritas Rwanda aho bamuritse imishinga ibabyarira inyungu bagezeho babikesha ubufasha bahawe na Caritas Rwanda.

Umwe muri aba bagenerwa bikorwa, Kwibuka Sostène wo mu Karere ka Nyamasheke, yasangije abitabiriye ihuriro ubuhamya bw'uko Caritas Rwanda ibinyujije muri gahunda ya Igire Gimbuka yamufashije kwiga umwuga wo kubaza ikanamuha ibikoresho byo gutangiza ibarizo rye. Kuri ubu yinjiza amafaranga atari munsi ya Frw 70.000 ku kwezi,



*Kwibuka Sostène asobanura uko yiteje imbere abikesha ubufasha bwa Caritas Rwanda.*

akaba yarabashije kwigurira ubutaka ku Frw 500.000 anatangiza ubworozi bw'ingurube.

Perezida wa Caritas Africa, Musenyeri Pierre Cibambo Ntakobajira wari witabiriye iri huriro, yashimye Caritas Rwanda ku byakozwe mu myaka itanu ishize, avuga ko Caritas Rwanda ari urugero rwiza mu gusohoza ubutumwa bwa Kiliziya Gatolika bwo gufasha abatishoboye. Musenyeri Cibamba yongeyeho ko akazi muri Caritas ari ubutumwa agira ati: *"Gukora muri Caritas ntabwo ari akazi ahubwo ni ubutumwa bwo kugarurira icyizere abatishoboye"*.


Myr Pierre Cibambo Ntakobajira, Perezida wa Caritas Africa yitabiriye iri huriro.

Uwavuze mu izina ry'abandi bafatanyabikorwa ba Caritas Rwanda, Bwana Hans Fly, umuyobozi wa CRS Rwanda yavuze ko Caritas Rwanda iha agaciro abafatanyabikorwa mu nzego zose zaba iza Leta, abikorera, sosiyete sivile, Kiliziya n'abandi. Bwana Fly yagize ati: *"Nkurikije ibikorwa Caritas Rwanda yatugaragarije, ndahamya ko ari urugero rwiza rw'umufata-nyabikorwa ukoresha inkunga neza mu gushyira mu bikorwa ibyateganijwe"*.


Bwana Hans Fly, umuyobozi wa CRS Rwanda.

Muri iri huriro ry'abafatanyabikorwa, Philippe Habinshuti, Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri ishinzwe ibikorwa by'ubutabazi (MINEMA) yashimangiye ko Kiliziya Gatolika ibinyujije muri Caritas yabaye inkingi ikomeye yo kugarurira icyizere abantu batabarika mu Rwanda.


Bwana Philippe Habinshuti, umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri ishinzwe ibikorwa by'ubutabazi.

Bwana Philippe yakomeje agira ati: *"Ubwitange bwanyu budacogora mu kwita ku mibereho y'abatishoboye, baba abaturage cyangwa impunzi, ubufasha bwanyu ku bantu bahuye n'ihungabana ry'imibereho n'ubukungu ndetse n'ibiza ni ibintu bigaragarira buri wese. Turashima uruhare rwa Caritas kuva ku rwego rwa Diyosezi na Paruwasi ariko tukanashimira umusanzu ukomeye w'abakristu igihe cyose abaturanyi babo bakeneye ubufasha"*.

# Caritas Rwanda muri Yubile y'impurirane



*Ifoto y'urwibutso / Ihuriro ry'urubyiruko rya 2024.*

Ihuriro ry'Urubyiruko Gatolika (Forum des Jeunes) ribaye ku nshuro ya 21 ryabereye muri Diyosezi ya Ruhengeri kuva ku ya 21 kugeza ku ya 25 Kanama 2024, rihuza urubyiruko rusaga 5.000 ruturutse mu Rwanda no mu bihugu birukikije. Insanganyamatsiko y'ihuriro ry'uyu mwaka yagiraga iti: *"Kwishimira mu Kwemera"*. Uyu mwaka, iri huriro ryabaye akarusho kuko ryahuriranye no kwizihiza Yubile y'impurirane, irimo Yubile y'imyaka 2025 y'ugucungurwa kwa bene muntu na Yubile y'imyaka 125 Inkuru nziza imaze igeze mu Rwanda.

Iri huriro ryibanze ku nyigisho z'amahame y'ukwemera kwa Kiliziya Gatolika n'inyigisho mbonezamubano. Binyuze mu mahugurwa n'ibiganiro nyunguranabitekerezo, urubyiruko rwahawe ubumenyi bukenewe kugira ngo rubashe kugendana n'igihe mu buryo bwiza.

Izi nyigisho zashimangiye akamaro ko kugira indangagaciro za gikristu, hagamijwe kurera igisekuru kidashinze imizi mu kwemera gusa, ahubwo gifite n'inshingano zo gusigasira imyitwarire n'umuco byiza.

Binyuze muri Gahunda yayo y'Urubyiruko, Caritas Rwanda yateguye imurikabikorwa rito aho abafashwa n'imishinga ya Gera ku Ntego na Youth For Youth berekanye ibikorwa bakora bibyara inyungu. Iyi mishinga yagaragaje uburyo urubyiruko rushobora gukoresha amahirwe ahari rukagira imibereho myiza. Uretse gukangura ibitekerezo by'urubyiruko rwitabiriye, iri murikabikorwa ryatanze amakuru ku gutangiza no gucunga imishinga mito ibyara inyungu, mu rwego rwo gukangurira urubyiruko gutera intambwe mu kwigira.

Umuhango wo gusoza iri huriro witabiriwe n'Abepiskopi Gatolika, Minisitiri w'Urubyiruko n'Ubuhanzi Dr. Utumatwishima Jean Nepo Abdallah,



*Myr Visent Harolimana na Myr Céléstin Hakizimana basuye abitabiriye imurikabikorwa ryateguwe na Caritas Rwanda.*

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, n'abandi banyacyubahiro; Myr Papias Musengamana Umushumba wa Diyosezi ya Byumba akaba na Perezida wa CEPJ, bashimiye CRS Rwanda na Caritas Rwanda ku ruhare bagize mu gutegura iri huriro ry'urubyiruko ndetse n'inkunga bakomeje gutera muri Gahunda y'urubyiruko.

Minisitiri w'Urubyiruko n'Ubuhanzi, wari umushyitsi mukuru mu ijambo rye yashimye CRS Rwanda na Caritas Rwanda nk'abafatanyabikorwa b'ingenzi mu bikorwa byo kongerera ubushobozi urubyiruko.

**NDAMUKUNDA Olivier**
***Umuhuzabikorwa wa Gahunda y'Urubyiruko, Caritas Rwanda***

## Ubukangurambaga bwo kumenyekanisha ubutumwa bwa Caritas muri Kaminuza na Seminari Nkuru

Ubukangurambaga bwo kumenyekanisha ubutumwa bwa Caritas muri Kaminuza na Seminari Nkuru, ni umwe mu myanzuro y'Inteko Rusange ya Caritas Rwanda, aho Abepisikopi bashishikariza abakozi ba Caritas kwegera urubyiruko no kurutoza indangagaciro za gikirisitu. Abanyeshuri basobanurirwa Caritas iyo ariyo, ubutumwa n'indangagaciro byayo, bikabafasha kwigiramo indangagaciro zayo, umutima wa Caritas w'urukundo rw'Imana n'abantu cyane cyane abaciye bugufi no kwitangira abandi. Ahenshi mu mashuri bakora ibikorwa by'urukundo, Caritas ikabafasha kurema komite ya Caritas kugira ngo bihabwe umurongo wa Kiliziya. Mu Iseminari Nkuru naho hakorwa ubukangurambaga bwo kubibutsa imikorere ya Caritas kuko



*Ubukangurambaga mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda.*

baba bitegura kuzayibera abayobozi mu nzego zayo. Abaseminari nabo bakora ibikorwa by'urukundo bita *"effort de carême"* aho begeranya inkunga yo gufasha abakene, bakanakora ibikorwa byo kubahingira, kububakira...

**Sr. Gaudiose Nyiraneza**
***Ishami ry'Abatishoboye n'Ubutabazi***
***Caritas Rwanda***

# Caritas Rwanda yibutse abakozi bayo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994



*Abakozi ba Caritas Rwanda n'imiryango y'abakozi bayo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.*

Ku itariki 17 Gicurasi 2024, Caritas Rwanda yibutse abakozi bayo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Iki gikorwa cyabimburiwe n'Igitambo cya Misa yo kubasabira, habaho gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, ibiganiro n'ubuhamya.

Uretse abakozi ba Caritas Rwanda, igikorwa cyo kwibuka abakozi bayo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyitabiriwe n'imiryango yabo n'abahagarariye inzego zinyuranye.

Nyuma y'igitambo cya Misa yabereye kuri Centre Missionnaire Lavigerie, hakurikiyeho gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, aho basobanuriwe amateka yaranze u Rwanda mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu gihe yabaga ndetse na nyuma yayo.

Abitabiriye iki gikorwa kandi bunamiye inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zishyinguye ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, banashyira indabyo ku mva ibitse imibiri yabo. Mu butumwa yatanze ubwo abitabiriye iki gikorwa bari ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda, Padiri Oscar Kagimbura yagize ati: *"Ubuzima ni Imana ibutanga, ntawe ufite uburenganzira bwo kubwambura mugenzi we."*

Padiri Kayisabe Védaste, Umunyamabanga Mukuru w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda, yibukije ko icyoroshye ari ugukora icyiza kurusha gukora ikibi. Ati: *"Twafashe uyu mwanya kugira ngo twige. Tugomba kwigira ku mateka."*

# Imikoranire hagati ya Caritas Rwanda na Caritas za Diyosezi mu Ishami ryita ku Batishoboye n'Ubutabazi




*Abakozi ba Caritas Kibungo n'aba Caritas Rwanda bari kumwe n'abatishoboye baba muri Home of Joy Kibungo y'Abamisiyoneri b'urukundo (Abakalikuta).*

Muri Nyakanga, Kanama na Nzeri 2024, itsinda ryaturutse muri Caritas Rwanda ryasuye Caritas za Diyosezi kugira ngo impande zombi zige ku ngamba zo kongera umusaruro w'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe, kurebera hamwe uko imyanzuro yaturutse mu nama y'Inteko Rusange ya Caritas Rwanda ya 2023 irimo gushyirwa mu bikorwa, gusuzuma ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'ibikorwa ya Caritas Rwanda ya 2020-2024 no gutangira gutekereza kuri gahunda y'ibikorwa izakurikira ya 2025-2030. Muri izi nama, Caritas za Diyosezi ziyemeje kwandika inkuru ku bikorwa zikora mu buryo buhoraho, izi nkuru zikazasohoka mu kanyamakuru "Caritas Contact / Ihuriro rya Caritas" ndetse no muri Kinyamateka. Ikindi ni ugukomeza gutanga ibiganiro bica kuri Radio Maria Rwanda.

Ku bijyanye no kwizihiza umunsi wa Caritas n'umunsi w'umukene, paruwasi nyinshi zizihiza iyi minsi icyarimwe bitewe n'ikibazo cy'amikoro.


Caritas za Diyosezi kandi zikora ubukangurambaga mu mashuri no muri za kaminuza na Seminari Nkuru, n'ubwo hose hatarashyirwaho komite za Caritas, aho zitari biyemeje kubishyiramo imbaraga.

## Ubukangurambaga mu kwezi k'Urukundo n'Impuhwe

Mu gukangurira abantu kwitabira gutanga umusanzu w'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe, hirya no hino Caritas za Diyosezi zakoze ubukangurambaga binyuze mu biganiro kuri Radio Maria Rwanda, kuri Pacis TV, Radio zo mu masoko na gare, mu Gitambo cya Misa, mu miryango remezo, urugo ku rundi n'ahandi. Caritas za Diyosezi zasuwe na Caritas Rwanda muri uru rwego ni Caritas Ruhengeri, Caritas Byumba, Caritas Kabgayi, Caritas Butare, Caritas Cyangugu, Caritas Gikongoro, Caritas Kigali na Caritas Kibungo.

Abitabiriye inama basuye n'ibigo 9 by'Abihayimana na za paruwasi byita ku batishoboye.

# Abafatanyabikorwa ba Caritas Rwanda mu igenamigambi ryayo



*Abayobozi ba Caritas Rwanda, aba Caritas za Diyosezi, abaturutse mu zindi Caritas mpuzamahanga, bitabiriye iki gikorwa.*

Ku itariki ya 26 na 27 Nzeri 2024, abayobozi ba Caritas za Diyosezi na Caritas Rwanda mu mashami atandukanye bakoze inama yo gusuzum ira hamwe ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'ibikorwa ya Caritas Rwanda ya 2020-2024 no kungurana ibitekerezo kuri gahunda ya 2025-2030. Abahagarariye Caritas mpuzamahanga zikorera mu Rwanda nabo bitabiriye iyi nama.

Intego rusange ya gahunda ya Caritas Rwanda ya 2020-2024 yari *Uguharanira guteza imbere imibereho y'abatishoboye kugira ngo bagere ku iterambere risesuye binyuze mu bufatanye*. Iyi gahunda yashyizwe mu bikorwa binyuze mu ntego 8 zihariye zikurikira:

(i) Kongera ubushobozi mu buryo bwo gushaka no gucunga

umutungo;

(ii) Kumenyekanisha Caritas iyo ari yo n'ubutumwa bwayo;

(iii) Guteza imbere imibereho y'abatishoboye;

(iv) Gufasha abagizweho ingaruka n'ibiza;

(v) Kongera serivisi z'ubuzima zigamije gukumira, guteza imbere ubuzima, ubuvuzi, kwita ku barwayi no kuzahura ubuzima bw'abantu;

(vi) Kugira uruhare mu bikorwa by'igihugu bijyanye no kugabanya umuvuduko w'ubwiyongere bw'abaturage, binyuze mu kuringaniza imbyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere (NFP), bujyanye n'amahame y'inyigisho mbonezamubano ya Kiliziya Gatolika;

(vii) Kunoza imirire y'abagore batwite, abonsa n'abana bari munsi y'imyaka 6;

(viii) Kongerera ubushobozi abatishoboye mu by'ubukungu hagamijwe iterambere rirambye;

Muri iyi nama, isuzuma ryerekanye ko ibikorwa byose byari biteganijwe byakozwe kandi bijyanye n'icyerekezo 2050, muri gahunda y'igihugu yo kwihutisha iterambere NST1 mu birebana no guhanga imirimo, kwihaza mu biribwa, kugabanya ubukene, ndetse n'ingamba zo kurwanya no kugabanya ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere. Mu byagezweho na Caritas Rwanda muri iyi myaka 5, harimo inkunga ya Frw 3.658.470.625



*Padiri Oscar Kagimbura, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda, ubwo yafunguraga iyi nama ku mugaragaro.*

yatanzwe ku miryango 5.582 itishoboye kugira ngo itangize imishinga ibyara inyungu, hashyizweho amatsinda yo kuzigama no kugurizanya agera ku 4.947, abayagize bakaba barazigamye Frw 2.232.879.536. Mu gihe cy'imyaka 5, habayeho guhanga imirimo igera ku 1620.

Mu bindi byagezweho, harimo kwishyurira amashuri abana b'impfubyi n'abandi bo mu miryango yugarijwe n'ibibazo 31.289, harimo 21.917 bo mu mashuri abanza, 6.832 bo mu mashuri yisumbuye na 2.540 bize amashuri y'imyuga (TVET). Kuva mu 2020 kugeza mu 2024, imisanzu y'ukwezi k'Urukundo n'Impuhwe yakusanyijwe ingana na Frw 529.403.420.

Ikindi, habayeho kuzamura imirire y'abana 1.029 bari munsi y'imyaka 5 binyuze mu mashuri mbonezamirire 1.894.

# Caritas ya Diyosezi ya Kabgayi mu iterambere ry'umuryango ridaheza




*Abitabiriye igikorwa cyo gusoza icyumweru cy'uburezi gatolika*

**"Twese hamwe duhaguruke duharanire ubudaheza n'iterambere ry'umuntu ufite ubumuga" iyo ni impuruza ya Caritas ya Diyosezi ya Kabgayi ifatanyije na NUDOR ku munsi wo gusoza icyumweru cy'uburezi gatolika mu rwego rw'igihugu, i Kabgayi ku wa 07/06/2024.**

Gahunda y'Iterambere ridaheza rishingiye ku muryango (CBR: Community Based Rehabilitation Program) yatangijwe n'ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku buzima (OMS) nyuma y'itangazo rya Alma-Ata mu 1978 mu rwego rwo kunoza uburyo bwo kubona serivisi zita ku buzima bw'abafite ubumuga mu bihugu bikennye, hakoreshejwe amahirwe n'umutungo uhari (OMS, 2010). Iyi gahunda yaje ari igisubizo ku butumwa bwa Caritas ya Diyosezi ya Kabgayi.

Ku bufatanye n'indi miryango inyuranye, CBR yahindutse ingamba ihuriweho kugira ngo hagaragazwe ibyo abafite ubumuga bakeneye, hagamijwe kuzamura uruhare rwabo, ubudaheza muri sosiyete no kuzamura imibereho yabo.

Kugira ngo iyi gahunda ishyirwe mu bikorwa no kugira ngo hagenzurwe umusaruro itanga, kuva mu 2020 Caritas ya Kabgayi yakoze igerageza ry'iyi gahunda muri Paruwasi ya Kamonyi, mu murenge wa Gacurabwenge. Mu bikorwa byakozwe harimo guhuriza hamwe imbaraga z'abafite ubumuga ubwabo, imiryango yabo, umuryango mugari, inzego za Leta n'imiryango itari iya Leta ndetse n'abatanga serivisi zinyuranye yaba mu buzima, uburezi, imibereho myiza, iterambere mu by'ubukungu n'ibindi. Kugira ngo ibi bikorwa bigerweho hakozwe ibarura ry'abafite ubumuga ku bufatanye n'itsinda ry'abaganga ari

nabo bemeza imiterere y'ubumuga n'icyo ufite ubumuga akeneye. Ibi byatumye abafite ubumuga n'imiryango yabo bashishikarira kugira uruhare mu bibakorerwa kandi bakishakamo ibisubizo ubwabo.

**Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibyagezweho:**

| Nº | Igikorwa | Umubare |
|---|---|---|
| 1 | Abana bashya bafite ubumuga bafashijwe kugera mu ishuri | 165 |
| 2 | Abana bafite ubumuga bishyuriwe amafaranga y'ishuri | 45 |
| 3 | Abatsinze ibizamini bya Leta bisoza amashuri yisumbuye kandi bakomeje muri kaminuza. | 2 |
| 4 | Abana bafite ubumuga basoje amashuri yisumbuye babonye akazi gatanga umushahara. | 4 |
| 5 | Abana bafite ubumuga basoje amashuri yisumbuye bihangiye umurimo. | 3 |
| 6 | Amashuri yafashijwe kugera k'ubudaheza (Accessibility). | 1 |
| 7 | Abarimu bahuguwe k'Uburezi budaheza. | 31 |
| 8 | Amashuri arimo ama Clubs y'Ubudaheza | 11 |
| 9 | Imiryango yitabiriye gahunda yo kuvuza umwana ufite ubumuga | 192 |
| 10 | Imiryango yafashijwe mu kuvuza umwana ufite ubumuga | 53 |
| 11 | Imiryango yafashijwe kubona MUSA | 71 |
| 12 | Imiryango yorojwe inka | 22 |
| 13 | Imiryango yorojwe amatungo magufi-Inkoko | 30 |
| 14 | Imiryango yafashijwe binyuze muri VUP | 41 |
| 15 | Imiryango yubakiwe inzu yo kubamo | 4 |
| 16 | Imiryango yasaniwe inzu yo kubamo. | 6 |
| 17 | Imiryango yubakiwe ubwiherero. | 10 |
| 18 | Imiryango yitabiriye ibikorwa by'amatsinda yo kubitsa no kugurizanya. | 512 |
| 19 | Amatsinda yatewe inkunga | 12 |
| 20 | NGOs zemeye gukorana muri iyi gahunda. | 11 |
| 21 | Abatanga Serivisi dukorana nabo. | 113 |

Ashingiye ku musaruro w'ibikorwa by'iterambere ridaheza rishingiye ku muryango, umwepiskopi wa Diyosezi ya Kabgayi, Musenyeri Balthazar Ntivuguruzwa muri uyu mwaka w'ubutumwa 2024-2025 yashyizeho Komisiyo y'Ubudaheza igamije kwita ku bafite ubumuga kugira ngo ibikorwa byo kubitaho byinjire mu iyogezabutumwa rya diyosezi yose. Iyi komisiyo izafasha diyosezi gukomeza ibikorwa by'iterambere mbere ry'ubuzima n'imibereho y'abafite ubumuga n'imiryango yabo birimo amatsinda yo kuzigama no kugurizanya n'ibikorwa bihoraho umuryango mugari ukorera abafite ubumuga bihereye ku buhamya bw'ibyakozwe mu murenge wa Gacurabwenge.

**Mukashyaka Marie Brigitte**

***Ushinzwe itangazamakuru muri Caritas Kabgayi***

# Abakuriye ishami ry'amajyambere muri Caritas za Diyosezi na Caritas Rwanda mu rugendo rwo gusangira ubumenyi



*Abakuriye ishami ry'amajyambere muri Caritas basuye sosiyete ya BIF Ltd ya Diyosezi ya Nyundo, izobereye mu gutera intanga ingurube, korora inkoko, no gutubura imbuto y'ibirayi.*

Mu rwego rwo kuvoma ubumenyi no kwigira ku bikorwa byiza byakorewe ahandi mu birebana n'ubuhinzi, ubworozi, n'imishiga ibyara inyungu, abahuzabikorwa b'ishami rishinzwe amajyambere muri Caritas za Diyosezi n'itsinda ryaturutse muri Caritas Rwanda bakoze urugendoshuri muri Diyosezi za Gikongoro, Butare na Nyundo. Uru rugendoshuri rwakozwe kuva tariki 21 kugeza 25 Ukwakira 2024.

Ku munsi wa mbere, abitabiriye uru rugendo basuye itsinda ryitwa *"Twihaze Mu Biribwa"* rifite ubuhumbikiro bw'ibiti bivangwa n'imyaka n'iby'imbuto, basura n'umushinga wa *"Canarumwe"* ubumba ukanakwirakwiza amashyiga arondereza ibicanwa, rikoresheje ibumba mu mudugudu wa Mutobwe, akagari ka Nyabimata, umurenge wa Nyabimata mu Karere ka Nyaruguru.

Kuri 22/10/2024, abari muri uru rugendoshuri bakiriwe na Musenyeri Jean Bosco Ntagungira Umushumba wa Diyosezi ya Butare, ashima akazi keza Caritas ikora. Musenyeri Jean Bosco yabasabye kugira imikoranire myiza, gusangira ubumenyi no gukoresha ikoranabuhanga mu kuzamura umusaruro no guteza imbere ibikorwa bitangiza ibidukikije.

Abagize iri tsinda kandi bakoranye inama na Padiri Edmond Habiyaremye, umuyobozi wa Caritas Butare, abifuriza ikaze, ashima n'iyi gahunda. Banasuye kandi ikigo gihugura urubyiruko (Centre de formation de jeunes) kiri mu murenge wa Save mu Karere ka Gisagara, aho basuye urubyiruko rukora ubudozi

rugakorera amafaranga, ndetse n'abarimo kwihugura mu budozi, mu gutunganya imisatsi n'inzara, n'abiga gusudira. Urubyiruko rutishoboye rwiga muri iki kigo rwoherezwa na za paruwasi ariko hari n'abasaba kwiga biyishyurira.

Mu rwego rwo kureba ibikorwa diyosezi zikora hagamijwe kwigira, abitabiriye uru rugendoshuri basuye amacumbi akodeshwa ya Caritas Butare, ndetse n'umushinga wo korora inkoko, ingurube n'inkwavu yatangije. Muri uru rugendo kandi basuye umusore witwa Iradukunda Dieudonné ukora ibikoresho bikoze mu biti birimo inkongoro, amasiniya n'ibindi mu giti kitwa hibiscus. Mu mushinga we, Dieudonné akoresha abakozi 40. Abagize iri tsinda banagize umwanya wo gusura Centre Babeho iri mu murenge wa Tumba, ikaba irimo urubyiruko rukora ubudozi bw'ibikapu bigurishwa mu Butaliyani, basura na Itangishaka Esther utunganya impu agakuramo imikandara n'ibikapu, akabicururiza mu iduka rye. Muri uyu mushinga we akoresha abakozi 6.

Abari muri uru rugendo banakoranye inama na Musenyeri Anaclet Mwumvaneza wa Diyosezi ya Nyundo, ashimira Caritas Rwanda yagize iki gitekerezo, abibutsa ko Caritas ifite ubutumwa bwo gufasha abantu kuva mu mibereho mibi ariko inabafasha kwifasha. Uru rugendo rukaba ruzabafasha kwagura ubumenyi kugira ngo bafashe wa muntu utishoboye kwikura mu bukene. Myr Anaclet yanabashishikarije gushakisha uko Caritas yakongera umutungo bwite uyifasha kwigira, ku buryo idashingira ku mishinga y'abaterankunga gusa. Nyuma y'iyi nama, iri tsinda ryasuye sosiyete ya BIF Ltd ya Caritas Nyundo, izobereye mu gutera intanga ingurube, korora inkoko, no gutubura imbuto y'ibirayi.



*Abari mu rugendoshuri bakiriwe na Myr Anaclet Mwumvaneza Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, akaba na Perezida wa Caritas Rwanda.*

# Caritas ya Ruhengeri mu iterambere ry'umugore



*Iri ni ibagiro riciriritse abagore 40 biyubakiye babikesha ubufasha bahawe mu mushinga w'ibyumweru 100.*

Abagore 40 bo muri Paruwasi ya Busengo ibarizwa muri Diyosezi Gatolika ya Ruhengeri bishyize hamwe bahuza ubushobozi bahawe na Caritas Ruhengeri ibinyujije mu mushinga w'ibyumweru 100, biyubakira ibagiro riciriritse ry'amatungo ribafasha kwiteza imbere.

Uyu mushinga w'ibyumweru ijana Caritas Ruhengeri iwuterwamo inkunga n'abafatanyabikorwa bo mu gihugu cy'Ubuholandi binyuze mu muryango utegamiye kuri Leta bashinze witwa ''100 weeks'', ishami ryawo ryo mu Rwanda. Ni umushinga ugamije gufasha abagore kwigirira icyizere kandi bakivana mu bukene binyuze mu mishinga iciriritse bo ubwabo bitekerereje. Caritas Ruhengeri iherekeza abo bagore ibunganira mu gihe cy'ibyumweru 100, ni ukuvuga hafi imyaka ibiri, ikabaha amahugurwa ahoraho n'amafaranga yo kubafasha muri ya mishinga aho buri cyumweru buri mugore abona amafaranga angana n'ama EURO 8 avunjwa mu manyarwanda, akohererezwa buri mugore hifashishijwe telefone igendanwa. Ibyumweru ijana birangira buri mugore amaze gufata ama EURO 800. Umushinga w'ibyumweru 100 watangiye muri 2016, mu Ukwakira 2024 ukaba wari ugeze ku matsinda 153 agizwe n'abagore 3035. Muri bo, 40 bakomoka muri Paruwasi ya Busengo bahisemo gushyira hamwe ubwo bushobozi bashyiraho umushinga bahuriyeho w'ibagiro riciriritse ry'inka, ihene n'intama. Iryo bagiro riherereye mu Murenge wa Busengo, Akarere ka Gakenke, rikaba rifasha aba bagore gukemura ibibazo byugarije imiryango yabo.

Caritas Ruhengeri yishimira uburyo uyu mushinga w'ibyumweru 100 uyifasha gukura mu bukene umubare munini w'abagore; cyane ko abagore bafite uruhare runini mu iterambere ry'umuryango nyarwanda.

**BAZASEKABARUHE Jean Damascène**

***Caritas ya Diyosezi ya Ruhengeri.***

# Muri gahunda bita 'Urugendo rw'Icyizere', abashyitsi ba CRS basuye ibikorwa bya Caritas Rwanda




*Intumwa zaturutse ku cyicaro gikuru cya CRS, zasuye Caritas Rwanda.*

Mu ruzinduko rw'icyumweru bagiriye mu Rwanda kuva kuri 22 Mutarama 2024, rugamije gusobanukirwa neza ibikorwa bya CRS Rwanda no guhura n'abafatanyabikorwa bayo b'ingenzi, abagize inama y'ubutegetsi ya Catholic Relief Service (CRS) n'abaterankunga bayo bahuye n'ubuyobozi bwa Caritas Rwanda ku wa 26 Mutarama 2024. Ibiganiro byabo byibanze ku bufatanye buri hagati y'ibigo byombi, ingamba zo gukusanya inkunga, ndetse no gusangira ubumenyi mu gihe kiri imbere.

Ku munsi wa mbere w'uru ruzinduko (ku wa 22 Mutarama 2024), aba bashyitsi, abakozi ba CRS Rwanda n'aba Caritas Rwanda bitabiriye igitambo cya Misa cyabereye kuri Cathédral Saint Michel. Abashyitsi kandi banabonanye na Nyiricyubahiro Antoine Cardinal Kambanda, baganira ku bufatanye buri hagati ya CRS na Kiliziya Gatolika mu Rwanda.

Izi ntumwa kandi zasuye abagenerwabikorwa b'umushinga Youth For Youth (ushyirwa mu bikorwa na Caritas za Diyosezi 3 ndetse na Vision Jeunesse Nouvelle, ku bufatanye na Caritas Rwanda) bo mu Karere ka Rubavu ku ya 23 Mutarama 2024. Abagenerwabikorwa basuwe ni Tubanambazi Jean D'Amour, uhinga ibihumyo akaba arwanya imirire mibi mu gace atuyemo, na Irakoze Obed ufite farumasi y'ubuvuzi bw'amatungo.

Aba bashyitsi kandi basuye Diyosezi ya Nyundo bagirana ibiganiro na Musenyeri Anaclet Mwumvaneza, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo akaba na Perezida wa Caritas Rwanda. Ibiganiro byabo byibanze ku bufatanye buri hagati ya CRS na Diyosezi ya

Nyundo. Musenyeri Anaclet yashimye inkunga yatanzwe na CRS nk'igisubizo cyihuse mu kugoboka abagizweho ingaruka n'imyuzure yo muri Gicurasi 2023.

Ku wa 25 Mutarama 2024, abakozi ba gahunda ya Gikuriro Kuri Bose bakiriye aba bayobozi bakuru ba CRS muri rimwe mu marerero yayo riri ahitwa Nyirabashenyi mu Karere ka Nyabihu. Ni muri gahunda yo kwigira ku bijyanye no gutanga indyo yuzuye, kwihaza mu biribwa, kwiteza imbere mu bukungu ndetse na gahunda y'imbonezamikurire y'abana bato. Izi zikaba ari ingamba zo kunoza uburyo bwiza bwo kurera mu miryango ifite abana bari munsi y'imyaka itanu.

Abayobozi b'akarere ka Nyabihu bashimye ibyagezweho muri gahunda ya Gikuriro Kuri Bose (2015-2020), aho yagize uruhare runini mu kugabanya ikibazo cy'igwingira muri aka karere ryavuye kuri 59% muri 2015 rigera kuri 46% muri 2020. Bashimye kandi CRS na Caritas Rwanda ku bufatanye bwiza bagirana mu Karere ka Nyabihu.

## Inama y'ihuzabikorwa rya serivisi z'ubuzima za Kiliziya Gatolika mu Rwanda



*Abitabiriye inama y'ihuzabikorwa by'ubuzima.*

Kuva ku itariki 19 kugeza kuri 21 Kamena 2024, i Karongi habereye inama y'ihuzabikorwa rya serivisi z'ubuzima za Kiliziya Gatolika mu Rwanda ikaba yari ifite intego nyamukuru yo gusuzuma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa bya Caritas Rwanda ya 2020 - 2024 mu rwego rw'ubuzima, no kwegeranya ibitekerezo bizaherwaho mu gushyiraho gahunda nshya y'ibikorwa ya 2025-2030.

Iyi nama kandi yari igamije gusangira ibyagezweho biciye mu mishinga y'ubuzima ishingiye ku baturage,



*Myr Anaclet Mwumvaneza, ubwo yafunguraga iyi nama ku mugaragaro.*

gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro irebana n'ubuzima yafashwe n'Inteko Rusange ya Caritas Rwanda ya 2023, no kungurana ibitekerezo ku mikorere n'imikoranire hagati ya komisiyo y'ikenurabushyo ry'ubuzima n'amavuriro ya Kiliziya Gatolika.

Afungura iyi nama ku mugaragaro, Myr Anaclet Mwumvaneza, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo akaba na Perezida wa Caritas Rwanda, yavuze ko ku bufatanye na Leta y'u Rwanda, Kiliziya Gatolika igira uruhare mu kunoza uburyo bwo kwivuza no kubona ubuvuzi bwiza ku baturage binyuze mu mavuriro yayo arimo ibigo nderabuzima 110 n'ibitaro 10.

Akaba ari muri uru rwego Kiliziya ifitanye amasezerano y'ubufatanye na Minisiteri y'Ubuzima. Myr Anaclet yanavuze ko Kiliziya ikomeje kwishimira ubufatanye bwiza hagati yayo n'iyi Minisiteri mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'igihugu igenga ubuzima, anibutsa ko: *"Ubutumwa bwa Kiliziya mu mavuriro bushingiye ku guteza imbere ubuzima bwa muntu nta kuvangura"*.

Bwana Bajyanama Donatien, wari uhagarariye Minisiteri y'ubuzima muri iyi nama, mu ijambo rye yavuze ko iyi nama yateguwe mu gihe cyiza kuko Guverinoma yari igiye gusoza igenamigambi ry'ubuzima rya kane HSSP 4 na gahunda y'igihugu yo kwihutisha iterambere mu cyiciro cyayo cya mbere (NST1) muri Kamena 2024, igahita itangira ibindi bishya. Bwana Donatien yavuze ko nyuma yo kureba ibyagezweho na Kiliziya Gatolika mu rwego rw'ubuzima, imbogamizi n'ibitaragezweho, bizafasha Leta mu igenambigambi ry'ubuzima rishya na gahunda ya NST2 hakazitabwa ku gushyiramo ibitaragezweho no gushakira umuti imbogamizi zatumye bitagerwaho.

Iyi ntumwa ya Minisiteri y'ubuzima muri iyi nama kandi yavuze ko hari agahimbazamusyi kagiye kujya gahabwa abakozi b'amavuriro akorera mu bice bigoye kugeramo kugira ngo bajye batanga serivisi bishimye. Uyu muyobozi yongeyeho ko Kiliziya isabwa kugira ibishushanyo mbonera by'inyubako z'ibitaro n'ibigo nderabuzima byayo yifuza ko bivugururwa kugira ngo ingengo y'imari niboneka babihereho. Mu kiganiro kirebana n'imikoranire hagati ya komisiyo y'ikenurabushyo ry'ubuzima n'amavuriro ya Kiliziya Gatolika cyayobowe na Padiri Senani Callixte Umunyamabanga w'iyi komisiyo, hafashwe umwanzuro ko amavuriro yose ya Kiliziya akwiriye kugira shapeli; adafite ubushobozi akaba ashatse icyumba kiyisimbura abantu bari kwa muganga bajya basengeramo.

# Caritas Rwanda mu bukangurambaga kuri Malariya ku bufatanye n'ikigo cy'igihugu cy'ubuzima




*Padiri Oscar Kagimbura, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda ubwo yabazaga ibibazo abitabiriye igikorwa.*

Mu rwego rwo kwitegura umunsi mpuzamahanga wo kurwanya Malariya wizihijwe kuri 25/04/2024, Caritas Rwanda ifatanyije na RBC / Minisiteri y'Ubuzima, Umujyi wa Kigali, USAID Rwanda na Global Fund, bakoze ubukangurambaga bwo kurwanya Malariya binyuze muri siporo rusange (Car free Day), yabaye tariki 21/04/2024, i Nyamirambo kuri Tapis Rouge.

Muri ubu bukangurambaga bwari bufite insanganyamatsiko igira iti: *"Kurandura Malariya bihera kuri Njye"*, habayeho kwisuzumisha ku bushake indwara zitandura aho iki gikorwa cyakozwe ku buntu. Ubutumwa bwatanzwe binyuze mu myitozo ngororamubiri, ibiganiro byatanzwe n'abantu banyuranye, indirimbo n'ibibazo byabajijwe abitabiriye iki gikorwa, abatsinze bagahabwa ibihembo.

Nk'uko abatanze ubutumwa babigarutseho, u Rwanda rumaze kurandura Malariya ku kigero cya 90%, uruhare rwa buri wese rukaba rukenewe kugira ngo irandurwe burundu.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye iki gikorwa, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda Padiri Oscar Kagimbura yibukije ko roho nzima itura mu mubiri muzima, buri wese akaba ahamagarirwa gushyira mu bikorwa ingamba zose zo kurwanya Malariya bigishijwe zirimo: (a) kurara mu nzitiramibu neza, (b) gukuraho ibidendezi by'amazi akikije urugo, n'ibikoresho byose bishaje byo mu rugo hirindwa ko birekamo amazi, (c) gutema ibihuru bikikije urugo, (d) kwivuza hakiri kare ku Mujyanama w'Ubuzima cg ku Kigo nderabuzima umuntu akibona kimwe mu bimenyetso bya Malariya harimo umuriro mwinshi, kubabara umutwe n'ibindi.



*Muri ubu bukangurambaga, habayeho kwisuzumisha ku bushake indwara zitandura.*

# Ubufatanye bwa RDB na Caritas Cyangugu mu gutuza neza abaturiye Pariki ya Nyungwe



*Imiryango 26 itishoboye ni yo yatujwe muri izi nzu, zubatswe ku bufatanye bwa RDB na Caritas ya Diyosezi ya Cyangugu.*

Kuwa wa 19 Ugushyingo 2024, imiryango 26 itishoboye yo mu murenge wa Ruharambuga mu Karere ka Nyamasheke yashyikirijwe inzu 13 yubakiwe ku bufatanye bw'ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere (RDB) n'Akarere ka Nyamasheke. Imirimo yo kuzubaka yashyizwe mu bikorwa na Caritas ya Diyosezi ya Cyangugu zuzura zitwaye agera ku Frw 240.000.000.

Abatujwe muri izi nzu bashimiye inzego zose zagize uruhare kugira ngo batuzwe neza bityo biyemeza gukomeza gufatanya nazo mu kubungabuga iyi pariki ya Nyungwe bayirinda ba rushimusi. Umusaza Sisiti Karihanze, umwe mu batujwe, yasobanuye ukuntu ubuzima yari abayemo mbere yo gutuzwa butari bumworoheye, bityo ashima inzego zagize uruhare kugira ngo batuzwe heza. Padiri Irakoze Hycinthe, Umuyobozi wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro na Caritas muri diyosezi Gatolika ya Cyangugu yabwiye aba baturage ko umusaruro uva muri iyi pariki y'igihugu ya Nyungwe ari bo ufitiye akamoro bityo ko ari inshingano zabo kuyibungabunga.

Mbabazi Marie Louise umukozi wa RDB ushinzwe guhuza abaturage na pariki z'igihugu, yavuze ko Leta y'u Rwanda yifuza ko nta muturage ukwiye kuba habi cyangwa ngo agire ubuzima bubi kandi aturanye na pariki bityo kugira ngo umusaruro pariki itanga wiyongere aba baturage bakaba basabwa gufatanya n'inzego z'ubuyobozi kuyibungabunga.

Abatujwe muri izi nzu ni imiryango itishoboye itaragiraga aho gukinga umusaya, irimo abahungutse bavuye mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasiya Congo, abarokotse jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 batishoboye, imiryango y'abasigajwe inyuma n'amateka ndetse n'abandi batagiraga aho kuba.

**Theophile Ngendahimana**
***Ushinzwe itangazamakuru muri Caritas Cyangugu***

# Muri Caritas Byumba urubyiruko rwishimira serivisi ruhabwa mu mushinga Y4Y




*Bamwe mu rubyiruko rwo mu Karere ka Gicumbi bafashwa n'umushinga wa Y4Y.*

Kuva mu Ugushyingo 2023, binyuze mu mushinga "Youth Entrepreneurship in East Africa-Rwanda Youth for Youth (Y4Y)" Caritas Byumba ikurikirana imishinga y'urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18-30 rutuye mu Karere ka Gicumbi, rufite ibikorwa bibyara inyungu bitandukanye: ubuhinzi, ubworozi, ubucuruzi, serivisi z'ikoranabuhanga, ububaji n'ibindi.

Muri uyu mushinga; habayeho kongerera ubumenyi ba rwiyemezamirimo b'urubyiruko hagendewe ku masomo bifuzaga badafiteho ubumenyi, bahabwa application (soma apurikasiyo) yo kubafasha gukurikirana ibikorwa byabo bahabwa ubumenyi mu kuyikoresha, kubahuza n'isoko ry'ibyo bakora, kubigisha uburyo bwo kongera igishoro bafite binyuze muri serivisi bahabwa kandi ibyo byose bigakorwa binyuze mu ikoranabuhanga.

Mu gushyira mu bikorwa uyu mushinga hari ibikorwa byibanzweho kugira ngo iyi gahunda igende neza birimo gukora inama zitandukanye zirebana n'uyu mushinga, guhitamo abakorerabushake bafasha gukurikirana no gutanga serivisi kuri ba rwiyemezamirimo b'urubyiruko mu mirenge y'Akarere ukoreramo, guhugura urubyiruko ku kwiteza imbere, gusura ba rwiyemezamirimo aho bakorera babagira inama ndetse n'ibindi bikorwa bitandukanye biri mu mushinga.

### *Bimwe mu byo umushinga umaze kugeraho*

- Ba rwiyemezamirimo b'urubyiruko basaga 1.800 mu basuwe, bagaragaza ko inama za bagenzi babo babahagarariye ari nabo babagezaho serivisi zateganijwe muri uyu mushinga ziri kubafasha kuzamura ibikorwa bibyara inyungu byabo, by'umwihariko mu kugabanya uburyo bakoreshaga amafaranga



*Jean de Dieu Ndatimana ubwo yatangaga ubuhamya mu nama y'abafatanyabikorwa.*

menshi ku bintu bidakenewe;

-Ba rwiyemezamirimo 21 bahujwe n'amasoko hagendewe ku bikorwa bibyara inyungu bakora. Ni igikorwa kizakomeza;

-Igishoro kuri ba rwiyemezamirimo cyariyongereye kuko bize uburyo bwo kubyaza umusaruro amahirwe yose abakikije, kwizigamira n'ibindi;

-Urubyiruko ruhagarariye abandi rwigishijwe kwizigamira babishyira mu bikorwa ubu abagera kuri 38 bamaze guhabwa Frw 215.000 kuri buri muntu akusanywa n'itsinda, ibyo bigatuma ibikorwa byabo bibyara inyungu byaguka;

-Ba rwiyemezamirimo bamwe bongereye umubare w'imishinga ibyara inyungu bakoraga. Urugero: uwakoraga ubuhinzi akongeraho ubworozi;

-Hari urubyiruko rwasobanukiwe uburyo bwo gukorana n'ibigo by'imari muri uyu mwaka abasaga 108 bafunguje konti mu bigo by'imari, 7 batse inguzanyo zifite agaciro ka Frw 5.368.000 muri banki no mu matsinda;

-Ba rwiyemezamirimo 3 batsindiye ibihembo mu marushanwa ya ba rwiyemezamirimo b'urubyiruko (Youth connect Rwanda 2023-2024). Buri wese yahawe igihembo kingana na Frw 1.000.000;

-Urubyiruko rwasobanukiwe imicungire myiza y'ibikorwa bibyara inyungu bakoresheje ikoranabuhanga (Kayko Mobile application). Ubu ni bumwe mu buryo bukoreshwa mu gucunga umutungo;

-Urubyiruko rwasobanukiwe n'ubuzima bw'imyororokere, imibanire n'abandi no kwirinda ingeso mbi.

Jean de Dieu Ndatimanawo mu murenge wa Cyumba ni umwe mu rubyiruko rufashwa na Y4Y, akaba avuga ko uyu mushinga wamufashije gufunguka agakora. Yagize ati: "*Mbere yo guhugurwa na Caritas Byumba nakoraga ubucuruzi butemewe nza no gukuramo ubumuga bw'urutoki. Ariko ubu ndi rwiyemezamirimo ushoboye. Natsindiye igihembo cya Youth Connect ndetse n'ibindi bitandukanye. Aho ntuye, mpafite ubuhunikiro bw'imyaka kandi hari n'ibindi natangiye gukora. Ubu banyita* ***The Money***".

Padiri Augustin Nzabonimana Umuyobozi wa Caritas ya Diyosezi ya Byumba asaba urubyiruko gukomeza kugira ikinyabupfura bitwara neza kandi bafite indangagaciro zo gukura amaboko mu mufuka bagakora.

**Joselyne Musabyimana**
***Ushinzwe itangazamakuru muri Caritas Byumba***

# Caritas Rwanda yatangije umushinga ugamije kuzahura imibereho y'impunzi z'Abanyasudani



*Ifoto y'urwibutso / Gutangiza ku mugaragaro umushinga wo gufasha Abanyasudani n'izindi mpunzi mu nkambi ya Mahama.*

Hagamijwe guteza imbere imibereho y'impunzi n'abashakisha ubuhunzi mu Rwanda bagera kuri 50, muri Nzeli 2024, Caritas Rwanda yatangije umushinga w'amezi 4 uzakorera mu nkambi y'impunzi ya Mahama, watewe inkunga n'ikigo cy'Abanyakanada MasterCard Foundation binyujijwe mu Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mpunzi HCR mu Rwanda.

Uyu mushinga ufasha ingo z'Abanyasudani 46, rumwe rw'Abanyetiyopiya, 1 rw'Abanyafuganisitani, 1 rw'Abanyapakisitani, na 1 rw'Abanyacadi. Ibikorwa by'uyu mushinga bigendera ku nkingi enye zikurikizwa muri gahunda yo gucutsa abafashwaga (Graduation approach) ari zo kuzamura ubushobozi, kubungabunga imibereho, iterambere mu bukungu no kuzahura imibereho.

Mu gutangira uyu mushinga, Caritas Rwanda yakoze inama n'abahagarariye ibyiciro by'impunzi zizafashwa n'ubuyobozi bw'inkambi ya Mahama. Muri iyi nama, abafatanyabikorwa n'abahagarariye impunzi ndetse n'ubuyobozi bw'inkambi ya Mahama



*Iri ni rimwe mu matsinda 2 y'uyu mushinga, aterana buri cyumweru, riri kumwe n'umukozi w'umushinga ubakurikirana.*



*Bamwe mu Banyasudanikazi bakora ubucuruzi, basuwe n'umukozi w'umushinga.*

bijeje ubufatanye mu ishyirwa mu bikorwa by'uyu mushinga, kugira ngo uzagirire akamaro abo ugenewe guteza imbere.

Kuva tariki 11 kugeza kuri 12 Nzeli 2024, abakozi ba Caritas Rwanda bafatanyije n'abahagarariye ibyiciro by'impunzi zizafashwa batoranije imiryango 50 izafashwa muri uyu mushinga, bakurikije ibyateganijwe kugenderwaho bazitoranya.Nyuma yo gutoranywa, abafatanyabikorwa baturutse muri buri muryango bahuguwe ku gukora amatsinda yo kubitsa no kugurizanya, ibijyanye no gucunga imari, kwiga imishinga, gushyira mu bikorwa no gucunga imishinga mito ibyara inyungu. Kuri ubu bashinze amatsinda 2 yo kubitsa no kugurizanya aterana buri cyumweru bakizigama hagati ya Frw 2000 na



*Abanyasudani baba mu nkambi ya Mahama bahawe inkunga batangira gukora imishinga ibyara inyungu.*

Frw 10.000 ku muntu na Frw 200 y'ingoboka.

Aba bafatanyabikorwa kandi bahawe inkunga ya Frw 800.000 buri wese kugira ngo batangire imishinga mito ibyara inyungu. Imishinga bakoze ahanini yibanze ku bucuruzi, gutanga serivisi, n'ibijyanye n'imyuga.

# Uruhare rwa Caritas Ruhengeri mu kurwanya igwingira



*Aba ni ababyeyi batwite n'abonsa bahabwa indyo yuzuye yunganira ibyo mu miryango yabo.*

Nyuma yo kubona ko ijanisha ry'abana bafite imirire mibi ndetse n'abagwingiye riri hejuru mu gihugu muri rusange no mu Ntara y'Amajyaruguru by'umwihariko, Caritas ya Diyosezi Ruhengeri yihutiye gutanga umusanzu wayo mu kurinda no gukumira igwingira mu bana bato ibinyujije mu mushinga wo kubungabunga ubuzima bw'umwana muri ya minsi 1000 ibanza y'ubuzima kuva agisamwa. Uwo mushinga ufasha ababyeyi 100 n'abana 100 ubitewemo inkunga n'abafatanyabikorwa bo mu gihugu cy'Ubutaliyani.

Uyu mushinga utangirira mu gufasha ababyeyi bakimara kumenya ko batwite bagahabwa ubumenyi bujyanye n'imyitwarire igomba kuranga mugore utwite. Ubwo bumenyi bushingiye ku kwipimisha ku gihe hakurikijwe ingengabihe yagenwe n'abashinzwe kubakurirana kwa muganga, kwita ku isuku, kwita ku mirire myiza no kumenya ibyo umugore utwite yemerewe gukora n'ibyo atemerewe gukora; byose hagamijwe ubuzima bwiza bw'umwana n'umubyeyi.

Umushinga na none ufasha ababyeyi batwite mu kubona indyo yuzuye iza yunganira ibyo babona mu miryango yabo kugira ngo bo ubwabo n'abo batwite babashe kugira ubuzima bwiza. Ubwo bufasha bwo kubaha indyo yuzuye butangira umubyeyi akimara kumenya ko yasamye kugeza umwana yujuje imyaka 2. Ibyo bikaba birinda umwana kugwingira akiri mu nda ya nyina n'igihe amaze kuvuka.

Iyo umwana yujuje amezi 6, umushinga umufasha kubona imfashabere ifite indyo yuzuye; ibyo bikamurinda igwingira iryo ari ryo ryose.



*Aba ni ababyeyi bahawe amatungo magufi.*

Abo babyeyi kandi, iyo bagitwite bahabwa imirama y'imboga zo guhinga (amashu, karoti n'ubutunguru) zibafasha gushyira uturima tw'igikoni mu ngo iwabo kugira ngo babashe kwibonera imboga ku buryo bworoshye. Izo mboga zibafasha mu mu kubona indyo yuzuye irimo intungamubiri zituruka mu mboga zirinda indwara umwana n'umubyeyi.Uyu mushinga kandi woroza abo babyeyi amatungo magufi (ihene, ingurube n'intama) hakurikijwe iryo buri wese yihitiyemo bakabona ifumbire yo gukoresha mu mirima bafite kugira ngo ibashe kurumbuka.

Aya matungo anafasha aba babyeyi mu iterambere ry'ingo zabo hagamijwe kwibonera iby'ingenzi bakeneye birimo kurya, kwambara no kwivuza. U yu mushinga ukorera muri Diyosezi ya Ruhengeri mu turere twa Musanze, Gakenke na Burera ukaba waratangiye mu kwezi kwa Nyakanga 2022, ukazarangira muri Kamena 2025.

**Bazasekabaruhe Jean Damascène**

***Caritas ya Diyosezi ya Ruhengeri***

## Umushinga Tubeho Neza Aheza watangijwe ku mugaragaro




*Iforo y'urwibutso / Gutangiza umushinga ku mugaragaro.*

Ku itariki 5 Nyakanga 2024, umushinga Tubeho Neza Aheza ugamije guteza imbere ubuzima bwiza n'uburinganire hatangizwa ibidukikije mu Rwanda, watangijwe ku mugaragaro na Umuhoza Pascasie, umuyobozi w'Akarere ka Karongi wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage. Uyu mushinga uterwa inkunga na Caritas Siloveniya na Minisiteri y'ububanyi n'amahanga ya Siloveniya, uzashyirwa mu bikorwa na Caritas Nyundo/Kibuye ku bufatanye na Caritas Rwanda. Umushinga wa Tubeho Neza Aheza ugamije gukemura ibibazo bijyanye no kubona umutungo kamere n'imari no kugabanya ubusumbane bushingiye ku gitsina n'ihohoterwa

rishingiye ku gitsina (GBV), hibandwa ku bagore n'abakobwa mu ngo 1.595 zikennye zo mu mirenge ya Rugabano, Gashari, Rwankuba na Mutuntu yo mu Karere ka Karongi.

Umushinga Tubeho Neza Aheza uzibanda ku bikorwa by'ingenzi bitandatu bikurikira:

1. Guteza imbere ibikorwa by'ubuhinzi birambye kandi bitangiza ikirere hagamijwe kongera umusaruro w'ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri ku bantu bugarijwe n'ibibazo;
2. Gukangurira abantu kurengera ibidukikije no gushyiraho uburyo bunoze bwo kubona ibikenerwa n'ibikoresho biteza imbere imikoreshereze y'umutungo kamere mu buryo burambye, bityo ibyuka bihumanya ikirere bikaganuka;
3. Gukoresha neza no kugenzura imikoreshereze y'umutungo w'amazi uhari, guteza imbere itangwa ry'amazi meza yo kunywa, isuku, isukura no kuhira imyaka;
4. Kongera ubushobozi n'ubumenyi bw'abantu bugarijwe n'ibibazo, n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze mu kugenzura no gukoresha umutungo kamere neza mu bikorwa bibyara inyungu;
5. Gufasha urubyiruko n'abantu bakuze batishoboye, cyane cyane abagore n'abakobwa, kugera ku bikorwa bibabyarira inyungu kugira ngo batange umusanzu ku bikenerwa n'imiryango yabo;
6. Kongera ubumenyi n'ibisubizo ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ubundi buryo bw'ihohoterwa, ndetse no gukemura amakimbirane binyuze mu biganiro.

Madamu Umuhoza Pascasie, umuyobozi w'Akarere ka Karongi wungirije ushinzwe imibereho myiza



*Sr Ancha Bourger wo muri Siloveniya, Madamu Umuhoza Pascasie, V/Mayor ASOC w'Akarere ka Karongi na Padiri Elie Hatangimbabazi, umuyobozi wa Caritas Nyundo/Kibuye.*

y'abaturage yagaragaje ko yishimiye uruhare rw'umushinga mu kuzamura imibereho y'abagenerwabikorwa binyuze mu bikorwa byateganijwe. Madame Pascasie yashimiye Minisiteri y'ububanyi n'amahanga ya Siloveniya, Caritas Siloveniya, Caritas Rwanda, na Caritas Nyundo/Kibuye kubera uruhare rwabo mu guteza imbere ubuzima bw'abaturage bo mu Karere ka Karongi, yizeza kandi ubufatanye bw'Akarere mu ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga.

**Emmanuel Uwirayige**
***Ukuriye Ishami ry'Amajyambere***
***Caritas Rwanda***

# Umushinga LCC wa Caritas Byumba mu gufasha abana kumenya Ijambo ry'Imana



*Abana bari mu gikorwa cyo gusoma Bibiliya.*

Ku nkunga ya World Vision Rwanda, Caritas Byumba ishyira mu bikorwa umushinga "Let the Children Come Project" (LCC), ufasha abana, abangavu n'ingimbi kumenya urukundo rw'Imana no kurusangiza abaturanyi babo binyuze mu kubigisha Ijambo ry'Imana mu rugo, mu Kiliziya n'aho batuye. Uyu mushinga ushyirwa mu bikorwa muri Kageyo, Tare, Kinihira, Buberuka na Kivuruga.

Nk'umusaruro w'umushinga, abana, abangavu n'ingimbi barushijeho kumenya ijambo ry'Imana, ababyeyi n'abarezi barushaho gutanga uburere bwiza n'urukundo ku bana babo, abayobozi mu by'ukwemera n'abakirisitu bagira uruhare mu kurera abana ingimbi n'abangavu gikirisitu.

Ibyiciro byose bikorana bya hafi kugira ngo abana basaga ibihumbi makumyabiri na bitanu (25.000) n'ababyeyi n'abarezi barenga ibihumbi makumyabiri na bitatu (23.000) bagerweho n'iyi gahunda buri mwaka ibikorwa by'ihuzabikorwa bikurikiza amategeko yo kurengera abana hagamijwe kubahiriza uburenganzira bwabo.



*Myr Papias Musengamana, Umushumba wa Diyosezi ya Byumba na Padiri Augustin Nzabonimana baha Bibiliya abana bo mu igororero rya Nyagatare.*

Padiri Augustin Nzabonimana, umuyobozi wa Caritas Byumba, aha-magarira abana kwitabira ibikorwa by'uyu mushinga (LCC) kuko bibafasha gutegura neza ejo hazaza habo, agasaba ababyeyi, abarezi, abapasitori guha imbaraga amatsinda ya Bibiliya no kuyashyiraho ahantu hose hahurira abana kugira ngo bakure bubaha Imana. Yagize ati: *"Ubunararibonye bwerekanye ko kwigisha abana ibya roho ari bwo buryo bwizewe bwo gutegura ejo hazaza heza habo. Kubafasha gusenga, kubigisha gusoma Bibiliya no kuyoborwa nayo, bibafasha kugira ubwenge no kwishimira ubuzima bwabo bwa roho"*.

**Joselyne Musabyimana**

***Ushinzwe itangazamakuru muri Caritas Byumba***

# Uruhare rw'amatsinda mu iterambere: Ubuhamya



*Rimwe mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya rifashwa n'umushinga wa Gera Ku Ntego.*

Mugabo Jean Baptiste, ni umugabo w'imyaka 30 wubatse utuye mu Mudugudu wa Kinyemera, Akagari ka Bwiza, Umurenge wa Mukarange ho mu Karere ka Kayonza. We n'umugore we, Mukayisenga José, biteje imbere babikesha umushinga w'urubyiruko wa Gera Ku Ntego (GKN).

Kwitonda Jean Luc, umwe mu bakozi b'umushinga wa GKN yashishikarije Jean Baptiste kwifatanya n'urundi rubyiruko gushinga itsinda ryo kubitsa no kugirizanya kugira ngo biteze imbere. Mbere yaho, Jean Baptiste yari afite inzozi zo gushaka akazi kamuhemba ku kwezi cyane ko yari afite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye. Abifashijwemo n'itsinda yahinduye imitekerereze yerekeza ku kwihangira imirimo, binyuze mu bworozi bw'inka.

Jean Baptiste yagize ati: *"Kuva nakwinjira mu itsinda, buri cyumweru nizigamira Frw 7.500, kandi mbasha kubona inguzanyo mu buryo bworoshye. Itsinda ryampaye ubumenyi bwamfashije kwiha intego no kuzigeraho."*

Mbere yo kwinjira mu mushinga wa GKN, Jean Baptiste yari afite ikiraro kitabamo inka, yakenera amata akayagura. Nyuma yo kubona inguzazanyo ya Frw 300.000 mu itsinda n'umugore we akabona Frw 500.000, baguze inka ya Frw 800.000. Mu gihe gito, iyi nka yarabyaye batangira kubona amata.



*Jean Baptiste imbere y'ikiraro cy'inka ze.*

Kuri ubu, umuryango wa Jean Baptiste utunze inka eshatu. Uretse kuba abagize umuryango babona amata, asigaye barayagurisha bikabinjiriza amafaranga. Ibi bibafasha kwishyura inguzanyo batse mu itsinda no kwishyura amafaranga y'ishuri y'abana.

Uyu mushinga watumye Jean Baptiste arushaho gutinyuka gukora ibiteza imbere umuryango. Yabisobanuye muri aya magambo: *"Turateganya kwagura ubworozi bwacu tukorora byibura inka eshanu kugira ngo twinjize amafaranga menshi aturutse mu kugurisha umukamo n'ifumbire ikomoka ku matungo."*

Kugeza ubu uyu mushinga winjiriza umuryango wa Jean Baptiste Frw 125.000 ku kwezi, birimo aturuka mu kugurisha umukamo (Frw 105.000) n'ifumbire ya Frw 20.000.

**Wilson Turinumugisha**
***Umukozi w'umushinga GKN***
***Caritas Kibungo***

Caritas RWANDA

Caritas Rwanda yashinzwe mu mwaka w'1960 n'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda. Yemewe ku mugaragaro nk'Umuryango udaharanira inyungu n'iteka rya Minisitiri No 499/08 ryo mu mwaka w'1962, ihinduka umuryango utegamiye kuri Leta hakurikijwe itegeko No 06/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku idini mu Rwanda.

Kuva mu 1965, Caritas Rwanda yinjiye mu muryango waguye wa Caritas Internationalis, uhuza Caritas 162 zo ku isi. Caritas Rwanda ni umuryango ukorera mu gihugu hose, ubinyujije muri Caritas icumi (10) za Diyosezi Gatolika mu Rwanda, Caritas za Paruwasi 235, na Caritas za santarali n'imiryangoremezo.

## ICYERECYEZO

Guharanira iyubahirizwa ry'agaciro ka muntu kuri buri wese.

## INTEGO

Gufasha abatishoboye kugera ku iterambere ryuzuye, bikoranywe Urukundo rw'Imana, rubwirizwa n'Ivanjiri.

## INDANGAGACIRO

- Agaciro ndahangarwa k'ikiremwamuntu;
- Ubufatanye;
- Ubwitange;
- Ubwuzuzanye;
- Urukundo n'impuhwe;
- Icyizere;
- Uburinganire;
- Imicungire iboneye